

## **20121030-0004 Karangwa François**

Name: Karangwa François  
School: College Karambi Masango  
Class: 1<sup>e</sup> A  
Year: 1999  
Subject: Cahie des genocide 1994

---

Karangwa François  
Ecole Secondaire College Karambi Masango  
Secteur: Nyakogo  
Commune: Masango  
Cellule: Buhanda  
1<sup>e</sup> 1998-1999  
Ubu [nzajya] 2<sup>eme</sup>  
Cahie des genocide 1994

---

Le 30/9/1999

Twavuye murugo kuri 21/4/94 ubwo turagenda turara hakurya yiwacu gato ahantu mubitare byahantu kumubuga. Mugitondo turazinduka [tujya] kwa [padiri] Muyoboke le 22/4/94. Aratwirukana tuhava saa cumi nebyiri. Nari kumwe na maman na mushiki wanje na karumuna kanjye.

Ubwo turagenda nahantu i Gitwe, turagenda tugeze i Kabgayi tugeze mu Byimana twari mumuryango turi amacipe abiri. Njye ni wacu turi muyimbere tumaze guhita bafunga bariyeri abakabiri badahise barabafata turamanuka tugeze imbere yakiriziya tubona abantu bensi bambaye amashara nibirusu. Turarinjira bababarawirukanye ubwo dusubira inyuma turara ahantu murusengero. Baratubwira tuje kubaza konsiye

---

Aratwemerere turaharara buracya mugitondo baratubwira bati mwigendere. Turagenda ahantu i Kigoma turahaba turi abantu umunani. Tuba muri izo nzu zuwo muntu tukamuha amafaranga akatugurira ibyo kurya tugateka tugasangira twese uko tuhari turi uunani nabo muri urwo rugo. Ashize icyumweru ni minsi 2 mwijoro ryuwagatatu haza abantu bensi bambaye amakoma bakubita urugi ngo Emuder [MDR] Pawa. Ubwo rugwa imbere tujya munsi yigitanda bamwe, abandi baradusohora. Basubiyemo gushaka ko hari abandi basanga bali yu muwundi muryango barabiruhakana. Harimo umugabo data wacu asimbuka umuringoti bamusimbukana baratema, batema

---

Ikote yari yambaye. Arabyuka ariruka arabacika. Ubwo baragaruka baratuzamukana ahantu hitwa i Kiruri baradushoreye ndu was kabiri kumurongo. Bo bari inyuma ngiratyka kuko nari umwana ndyama mu muringoti atiroho inzira iri. Ubwo maman wanje araza ari uwakane ati byukaho ntureba ko arimunzira turimo gucamo. Ati iyo bagusanga uryamye aho bariguhitabakwica bati urashaka kubihisha byibura ntidufire rimwe. Nkasigara mbambaye yenda sibatubabarira ubwo turagenda dusanga aho bokeje inka baraduha ngo nimurye ibyanyu bya bene wanyu mumve uko bimeze.

---

Turanga, tuti ntiturya inyama. Bati babice niba muzanke. Tugeze hepfo baratubwira bati mwicare aho. Turicara batwaka amafaranga yari amaze gushira twese badukuramo 8500FRW. Bafata abagabo barabakubita bica umugabo umwe. Abandi baradukubita benda gufyabaratubwira bati nimutahe mujye kugwa iwanyu. Baraduherekeza baturenza kure. Turaza, bamwe babahetse benda gupfa. Turaza tugeze i Murama dusanga aho barimo kwica abantu bati muri abahe[?] Tuti turabo ku Buhanda. Bati nimugende Masango nayo turayiyiziye.

---

Tugeze ku Buhanda, ntihagira utubuza nakantu nagato. Tugeze hafi y'iwacu tuhasanga abasore baho mumugi turikumwe nabakobwa abwira ababyeyi babo bati nimuduhe abo bakobwaturabarerere ntacyo bazaba. Bati ntibarakura, nibakura tuzababaha. Ababyeyi bati tugiye kuri komine batuhyane aho bashatse. Batwohereza ahantu nabo bajya kurikomine aho batwohereje. Kumanywa tujya kuzana voka. Twaraze ahantu mu masaka ubwo tugiye kubona , tubona abantu barimo guhinga baratwiruhankana nu kubita ahantu muri nyirakaraso ndibura baragomeza birukankana ako kana twari turi kumwe.

---

Baragafata kakurya najye mvamo njya ahantu mumuringoti ryamamo barongera baragaruka bamuzanye aho twabaga bamuca amafaranga 1000FRW cyangwa bamwice uwo mwana. Arayatanga, ariko uwo mwana bamuhondaguye baca aho hejuru yuwo muringoti narindimo sibareba. Hari hashize igihe aratubwira ati nimwigendere mutazangwa mumaso. Ubwo ndagenda njya kwibaraza ryumugabo wita Burahamu ku Buhanda. Ninjoro araza kuko yarizi iwacu arambwira ati ngwino munzu arangaburira ati ejo nzakujyana kumugabo

---

Winshuti yanje. Nyacyo uzaba. Uzajya umurangira inyana ahantu kugitinda. Turagenda tugeze kugasantere kariho bariyeri baramubwira bati uyu mwana niwawe? Bari bamuzi, ati ni wanje. Bati ko adafite umusatsi nkuwawe. Ayo marenole yayakuyehe? Ati umugore wanje arayafite.

Angeza kwi uwo musaza aranyakira neza ampa amata ndanywa ndahaga. Nyange, ati, nywa. Ntamututsi usiga amata. Hashize igihe bakajya bake kucyeka abataurage. Ati muzakore umwana wa Burahamu. Interahamwe zo ku Buhanda ziza bamaze uminsi umwe. Baza ari ninjoro gusaka basanga njyamye. Bati uno mwana nu wahe[?] Ati

---

numwana wa Burahamu. Bati ngaho mworose. Basaka munzu babura uwo undi. Baragenda. Hashize igihe Inkotanyi zirahagera uwo mugabo Burahamu arazakundeba turahungana nabo bose tujya ahantu ku Kibuye hitwa Umuryoryo. Hashize igihe turaza noneho uwo Burahamu yohereza umuhunguwe aza kuntwara. Ngeze ku Buhanda, mpura na ba masenge2 turabana none nubu turabana hano mu mudugudu agana hano i Karambi.

Ubu niga 1<sup>er</sup> College Karambi Masango